REPUBURIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE

Kigali, kuwa 13/11/97

Reçu le 13/11/97

# AMABWIRIZA Y'AKAZI

Bitewe n'akamenyero kabi ko gucyererwa ku kazi hamaze kugaragara ku bakozi benshi bo muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo , Umuco no kwigisha Imyuga Iciriritse nongeye kwibutsa buri mukozi wese wiyemeje gukorera leta ko agomba kubanza kubahiriza amasaha y'akazi yemejwe, ntazire kukazi cyangwa ngo akavireho igihe ashakiye.

Ni yo mpamvu, guhera taliki ya 1 4 Ugushyingo 1997, buri mukozi asabwe kujya agera ku kazi saa mbiri za mu gitondo zibura iminota itanu (7h55), kugira ngo ibendera rizamurwe abakozi bose bahari.

Saa mbiri n'iminota itanu (8h05), buri wese asabwe kuba yageze mu biro akoreramo, agatangira akazi.

Ikiruhuko cyemejwe ni icy'isaha, kandi kigatangira saa sita n'igice kugeza saa saba n'igice.

Umukozi wese utazubahiriza ayo masaha, azafatirwa ibihano by'intangarugero, kuko imyifatire idahwitse itazongera kwihanganirwa.Abayobozi bose muri MIJESCAFOP basabwe gukurikirana imyubahirize y'ibibyemezo.

Umunyamabanga mukuru muri
Minisiteri y'urubyiruko, Siporo,
Umuco no kwigisha imyuga iciriritse
Bwana KABANDANA Marc

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha Imyuga Iciriritse
- Abayobozi bo muri MIJESCAFOP (Directeurs) bose.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO,
SIPORO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1040 KIGALI.

# NOTE DE SERVICE

Bimenyeshejwe abakozi bose ba Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse ko Bwana Petero KAREMERA ari we Munyamabanga wihariye wa Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse, nk'uko byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 23 Gicurasi 1997.

Kigali, ku wa 28/05/1997

**Marc KABANDA**
Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga Iciriritse.